KN 4 AV 18,
P.O. Box 5620,
Kigali,
Rwanda
Tel: +250 788 140 000 / 5222
Email:
contactus@rw.BPRbankgroup.com

**Itariki** **Dir Tel No.** **Our Ref.**

**………………..** **………………** **………………………..**

**…………………….**
**No z'Indangamuntu. ………………………….**
**Nomero za Telefone . ……………………….**

Mukiriya wacu,

**INGUZANYO YA BANKI ISHYIRWA KURI KONTI No …………………**

Dushingiye ku busabe bw'inguzanyo itangirwa inguzanyo muheruka kutugezaho, turabamenyesha ko inguzanyo yanyu yemewe none tukaba tubasaba kuyemera hakurikijwe aya mabwiriza n'amategeko akurikira:

## 1. Ibisobanuro by'amagambo

Muri iyi baruwa, amagambo akurikira, usibye gusa mu gihe aho akoreshwa haba habisaba ukundi, afite bisobanuro bikurikira:

1.1. **"Banki" na/cyangwa "Utanga inguzanyo**" bisobanura **BPR Bank Rwanda Plc**, banki yashingiwe muri Repubulika y'u Rwanda, ibarizwa kuri aderesi ikurikira: Binyujijwe ku Gasanduku k'iposita **1348,** ikaba ifite kode y'iyandikwa rya sosiyete nomero **…………………..,** Avenue de la Paix **–** Kigali, Rwanda, muri aya masezerano ijambo Banki rikazaba rikubiyemo n'abaziyisimbura n'abo izahabwa; ikaba ihagararirwe na ……… na ………. Umuyobozi Mukuru w'Umusigire ushinzwe ingwate no gucunga Inyandiko n'Umuyobozi ushinzwe gusesengura Inguzanyo bakaba bafite uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko bwo gushyira umukono ku Masezerano mu izina rya BPR Bank Rwanda Plc;

1.2. **"Ijanisha ry'Inyungu ku Nguzanyo Ngenderwaho** " bisobanura ijanisha ry'inyungu ku nguzanyo Banki ikoresha ritangazwa mu bitangazamakuru bisohoka buri munsi rimwe na rimwe (ubu **rikaba ari ………..% ku mwaka**). Iyo Banki ihagaritse kugira Ijanisha ry'Inyungu ku Nguzanyo Ngenderwaho, Ijanisha ry'Inyungu ku Nguzanyo Ngenderwaho biba bisobanura ijanisha ry'inyungu Banki isaba abakiriya rimwe na rimwe mu bushishozi bwayo ikurikije ijanisha ntarengwa zemewe n'itegeko;

1.3. **"Umukiriya "** bisobanura **……………………….**;

1.4. “**CFI**” bisobanura Ubwishingizi rusange bw’Inkongi y’Umuriro;

1.5. “**MPI**” bisobanura Ubwishingizi bw’Ingwate

1.6. **"Kurenga ku Masezerano"** bisobanura igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa ibikorwa byose bivugwa mu **Gika cya 10** cy’iyi Baruwa;

1.7. **"Ibaruwa"** bisobanura iyi baruwa yo kwemera inguzanyo;

1.8. **"Ingwate"** bisobanura ingwate zivugwa mu Mugereka wa Mbere w’iyi baruwa na/cyangwa indi ngwate iyo ari yo yose yatanzwe cyangwa ishobora gutangwa n’Umukiriya cyangwa n’undi muntu ku busabe bw’umukiriya igahabwa Banki mu rwego rwo kwishingira inguzanyo n’indi ngwate iyo ari yo yose Banki ishobora gusaba rimwe na rimwe mu buryo bwumvikana;

## 2. Inguzanyo

Banki ihaye Umukiriya inguzanyo itangirwa ingwate ingana n’amafaranga y’u Rwanda …………. ( **…….. Frw gusa**).

## 3. Icyo iyi nguzanyo igamije

Iyi nguzanyo izafasha Umukiriya gukora ibi bikurikira …………………………………………………….

## 4. Ibyerekeranye no Kwishyura n’Isuzumwa ry’Inguzanyo

**4.1.** Inguzanyo izajya yishyurwa buri kwezi mu gihe **cy’amezi …….** uhereye igihe amafaranga y’inguzanyo abikurijwe;

**4.2.** Amafaranga yishyurwa buri kwezi ashobora guhinduka igihe icyo ari cyo cyose bitewe n’ihindagurika ry’ijanisha ry’inyungu;

**4.3.** Mu rwego rwo kwirinda urujijo, birumvikana ariko ko Banki ishobora gusaba igihe icyo ari cyo cyose ko iyi nguzanyo ihita yishyurwa;

**4.4.** Igice cyose cy’amafaranga y’inguzanyo kitabikujwe gikurwaho. Umukiriya yishyura amafaranga yose aba agomba kwishyura iyo umunsi wo kwishyura ugeze hamwe n’inyungu bijyanye n’andi mafaranga yose y’ibiguzi, asabwa n’ayakoreshejwe agomba kwishyurwa Banki muri urwo rwego cyangwa hakurikijwe Ingwate

## 5. Ibyerekeranye n’Inyungu

**5.1.** Iyi nguzanyo itangirwa ingwate yishyurirwa inyungu ku ijanisha ry’inyungu ku nguzanyo ngenderwaho (……….**% ku ijana muri iki gihe**), ariko iryo janisha rikaba rishobora gusubirwamo igihe icyo ari cyo cyose bitewe n’uko imiterere y’ifaranga ihagaze ku isoko;

**5.2.** Umukiriya agomba kwishyura inyungu ku mafaranga ayo ari yo yose aba asigaye kwishyurwa muri icyo gihe yaba nyuma cyangwa mbere y’uko abisabwa cyangwa y’uko hakorwa igikorwa cyo gukusanya no gusaranganya umutungo we rimwe na rimwe nk’uko bigaragara mu gika cya 5.1;

**5.3.** Inyungu ziyongera umunsi ku wundi; zikabarwa hashingiwe ku mubare nyakuri w'iminsi iba ihise mu mwaka noneho zigakurwa kuri konti isanzwe yo kubitsa no kubikuza Umukiriya afite muri Banki buri kwezi igihe cyo kwishyura kigeze. Izo nyungu zirateranywa iyo inguzanyo itishyuriwe ku gihe hamwe n'amafaranga y'ubwishyu ya buri kwezi aba asigaye;

**5.4.** Banki ishobora rimwe na rimwe mu bushishozi bwayo no mu kigero cyemewe n'itegeko kuvugurura ijanisha ry'inyungu rikurikizwa noneho ikamenyesha umukiriya mu nyandiko impinduka zose zibayeho mu bijyanye n'ijanisha ry'inyungu rikoreshwa. Kuba Banki itamenyesheje Umukiriya ibyerekeranye n'izo mpinduka ntabwo bikuraho uburenganzira bwayo bwo kwishyuza inyungu zisabwa bitewe n'izo mpinduka.

**5.5.** Imenyekanisha rikorwa na Banki ku byerekeranye n'ijanisha ry'inyungu cyangwa umubare w'amafaranga asabwa hakurikijwe iki gika rifatwa nk'ikimenyetso kidashidikanywaho mu gihe ari nta kosa rigaragaramo;

**5.6.** Inyungu ku nguzanyo zishyurwa ku munsi wa nyuma wa buri gihe cyo kwishyura ugomba kuba ari umunsi wa nyuma w'ukwezi kuri kalandiriye. Igihe cya mbere cyo kwishyura inyungu gitangira ku itariki amafaranga yose uko yakabaye cyangwa igice cyayo akuriwe kuri konti.

## 6. <u>Andi mafaranga ya serivisi n'asabwa</u>

**6.1.** Usibye inyungu, hagomba kwishyurwa amafaranga ya serivisi n'andi mafaranga asabwa akurikira:

| | |
|---|---|
| **Amafaranga ya dosiye** | **….% y'amafaranga y'inguzanyo isabwa hakiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro yishyurwa mbere** |
| **Amafaranga yo gusuzuma ubusabe bw'inguzanyo** | **………. Frw** |
| **Kwishyura mbere y'igihe cyemeranyijweho (Kwishyura inguzanyo yose)** | **Hasabwa kwishyura …………% y'amafaranga yishyuwe mbere y'igihe cyemeranyijweho hakiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro wayo** |
| **Kwishyura mbere y'igihe cyemeranyijweho (Inguzanyo iguzwe n'indi Banki)** | **Hishyurwa ……….% y'amafaranga y'umwenda wari usigaye yiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro iyo uwo mwenda uguzwe n'ikindi kigo cy'imari** |
| **Gukererwa kwishyura ( Ibihano ku mafaranga atarishyuriwe ku gihe)** | **Amafaranga ……..% ku kwezi yiyongera ku ijanisha ry'inyungu ku nguzanyo risanzwe acibwa ku mafaranga yakererewe kwishyurwa** |
| **Amafaranga yo gucunga inguzanyo** | **…….% ku kwezi ariko adashobora kurenga ………….. Frw hakiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro wayo** |
| **Amafaranga yo gukuraho ibaruwa irebana n'inguzanyo** | **………. Frw yiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro** |

| | |
|---|---|
| **Gukererwa kwandikisha ingwate ( Ubukererwe buhera nyuma y'iminsi 30 habikujwe igice cy'amafaranga y'inguzanyo)** | **……….% y'amafaranga y'inguzanyo yiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro** |
| **Amafaranga yo kwandikisha ingwate** | **…………… Frw/kuri buri ngwate yanditse yiyongeraho Umusoro ku Nyongeragaciro** |
| **Kurekura ingwate** | **…………. Frw/ kuri buri ngwate yandukuwe yiyongeraho Umusoro ku Nyongergaciro** |

**6.2.** Banki ica amafaranga yose y'umufuragiro n'andi asabwa hakurikijwe ibiciro bya yo biba bigezweho nk'uko biba bishobora kuvugururwa igihe icyo ari cyo cyose;

**6.3.** Umukiriya yishyura amafaranga y'umufuragira n'andi asabwa ku Nguzanyo yumvikanywaho cyangwa Banki ishobora gushyiraho rimwe na rimwe nk'uko ibyumva.

## 7. Ingwate

Inguzanyo yishingirwa n'ingwate zivugwa mu Mugereka wa Mbere w'iyi baruwa irebana n'inguzanyo;

## 8. Ibisabwa kuzuzwa

Uretse gusa mu gihe Banki yaba ibyemeye ukundi, inguzanyo itangirwa ingwate itangwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agaragara mu Mugereka wa Kabiri w'iyi baruwa irebana n'inguzanyo;

## 9. Amategeko n'Amabwiriza rusange

**9.1.** Umukiriya agomba guhita abimenyesha Banki mu nyandiko iyo habayeho impinduka mu bijyanye n'aderesi igihe agifite iyo nguzanyo;

**9.2.** Amafaranga yishyurwa mu kwezi agomba guhita yishyurwa iyo igihe cyo kwishyura kigeze;

**9.3.** Iyi nguzanyo ikomeza kubaho bitewe n'uko konti y'umukiriya koreshwa mu buryo bushimishije kandi n'umutungo waguzwe ku nguzanyo ugahora ufatwa mu buryo bushimishije Banki igihe cyose;

**9.4.** Bitabangamiye ibiteganywa muri aya masezerano, iyi nguzanyo itangwa igihe icyo ari cyo cyose bitewe n'amafaranga ahari n'uko Banki yubahiriza amategeko n'amabwiriza arebana n'ibibujijwe byose rimwe na rimwe bishyirwaho na Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa n'urundi rwego urwo ari rwo rwose rugenzura.

**9.5.** Iyi baruwa irebana n'inguzanyo igira agaciro k'iminsi 30 kandi Banki ifite uburenganzira bwo gukuraho iyo nguzanyo iyo ingwate zidatanzwe mu gihe cy'iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki iyi baruwa irebana n'inguzanyo yandikiweho.

**9.6.** Kwemera iyi nguzanyo bigomba kujyana n'ibi bikurikira:

**9.6.1.** Inyemezabwishyu y'amafaranga y'ubukode bw'ubutaka

**9.6.2.** Icyemezo cyo kutabamo amafaranga y'imisoro ku mitungo itimukanwa (gifite agaciro k'umwaka)

**9.7.** Kutemera amategeko n'amabwiriza agenga iyi baruwa irebana n'inguzanyo cyangwa kudatwara amafaranga y'inguzanyo ku itariki ivugwa hejuru bituma iyi nguzanyo ihita IKURWAHO ako kanya.

**9.8.** Iyo iyo nguzanyo ikuweho, Banki ishobora kuyisubizaho mu bushishozi bwa yo;

**9.9.** Banki ifite uburenganzira bwo kongera gukoresha igenagaciro ry'umutungo (imitungo) utangirwa amafaranga ku mafaranga yawe igihe icyo ari cyo cyose itabanje kubimenyesha umukiriya mu gihe kitarenze imyaka itatu (3) uhereye igihe raporo y'igenangaciro iheruka yakorewe.

**9.10.** Iyo amafaranga y'inguzanyo yahawe umukiriya amaze kwishyurwa, aba agomba gutwara Ibyangombwa by'umutungo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe.

**10. <u>Ibikorwa byo kurenga ku masezerano</u>**

Habaho igikorwa cyo kurenga ku masezerano iyo:

**10.1.** Umukiriya atabshije kuzuza nk'uko ziteganywa muri iyi Baruwa irebana n'inguzanyo cyangwa n'amasezerano y'Ingwate;

**10.2.** ibivugwa cyangwa ibyizezwa n'umukiriya mu rwego rw'iyi Baruwa cyangwa amasezerano y'ingwate cyangwa irindi menyekanisha ryose atanga cyangwa akora akurikije ibyo ngibyo biba atari ukuri igihe aba ari kubikora;

**10.3.** habayeho, nk'uko Banki ibyumva, impinduka mbi kandi zikomeye mu bijyanye n'uko umukiriya ahagaze mu rwego rw'imari, urw'umusaruro w'ibikorwa bye cyangwa n'urw'ubucuruzi bwe;

**10.4.** Hakozwe igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa hagamijwe gusesa sosiyete y'umukiriya cyangwa iyo umukiriya atabasha kwishyura imyenda ye cyangwa ari nta bushobozi afite bwo kwishyura imyenda ye cyangwa iyo agiranye imishyikirano n'abo abereyemo imyenda agamije kwirinda cyangwa ategereje ko azananirwa kwishyura imyenda ye cyangwa ahagaritse cyangwa akangishije guhagarika kwishyura muri rusange cyangwa iyo habayeho igikorwa kirebana n'amafaranga asabwa ku mutungo runaka cyangwa hashyizweho ushinzwe gucunga umutungo w'umukiriya wose uko wakabaye cyangwa igice kinini cyawo;

**10.5.** Iyo bibabyeho ibintu binyuranyije n'amategeko cyangwa iyo bidashobokera Banki gukora, gukomeza cyangwa gutanga inguzanyo cyangwa kimwe muri ibyo ngibyo nk'uko biteganywa muri iyi Baruwa cyangwa iyo ari yo yose mu nshingano bivugwa ko ari iz'umukiriya mu rwego rw'iyi baruwa cyangwa Ingwate yataye agaciro, ihabanye n'amategeko kandi itakireba cyangwa ngo ibe yakoreshwa ku Mukuriya nk'uko byateganyijwe;

**10.6.** Iyo habayeho igikorwa cyo kurenga ku masezerano n'igihe cyose nyuma yaho, iyo icyo gikorwa gikomeje, Banki, imaze kubimenyesha umukiriya, ishobora gukora ibi bikurikira: -

**10.6.1.** Gutangaza ko inshingano za Banki mu rwego rw'iyi baruwa zisheshwe kandi zigaseswa; na/cyangwa

**10.6.2.** Gutangaza ko Ingwate zishobora gushyirwa mu bikorwa hanyuma amafaranga yose aba agomba kwishyurwa n'Umukiriya ku byerekeranye n'iyi nguzanyo hakurikijwe iyi baruwa akaba yahita abasha kwishyurwa ako kanya, ibyo byose bigakorwa ati nta mbaraga zishyizwemo, nta kirego gitanzwe, cyangwa ubusabe bwo kwishyura, nta ngingimira cyangwa imenyeshwa iryo ari ryo ryose; ibyo byose umukiriya akaba yarabiretse ku bushake.

## 11. Ibyerekeranye n'Imisoro y'ubutaka

Umukiriya afite inshingano zo kwishyura ku buyobozi bw'ibanze imisoro ngarukamwaka irebana n'umutungo watanzweho ingwate no guha Banki ibimenyetso bigizwe n'inyandiko bigaragaza ko iyo misoro yishyuwe igihe ibisabye. Iyo iyo misoro itishyuwe ku matariki yateganyijwe, banki yishyurira umukiriya iyo misoro noneho igakura amafaranga kuri konti ye.

## 12. Amafaranga y'ubukode bw'ubutaka yishyurwa Uturere buri mwaka

Umukiriya afite inshingano zo kwishyura amafaranga y'ubukode bw'ubutaka atangwa buri mwaka arebana n'umutungo watanzweho ingwate no guha Banki ibimenyetso bigizwe n'inyandiko bigaragaza ko ayo mafaranga y'ubukode yatanzwe. Iyo ayo mafaranga y'ubukode bw'ubutaka atishyuriwe ku matariki yateganyijwe, banki yishyurira umukiriya ayo mafaranga noneho ikayakura kuri konti ye.

## 13. Umusoro ku musaruro

Umukiriya afite inshingano zo gukemura ibibazo byose bijyanye n'imisoro igihe cyose atararangiza kwishyura inguzanyo yahawe.

## 14. Imiterere na/cyangwa ihererekanywa ry'umutungo watanzweho ingwate

Umukiriya ntabwo yemerewe gukuraho, gusenya cyangwa gutanga uburenganzira bwo gusenya amatara; ibikuta cyangwa ibindi bimenyetso by'ubutaka ibyo ari byo byose kandi nta mpinduka zikomeye agomba gukora mu gihe akoresha umutungo watanzweho ingwate atabanje kubiherwa uburenganzira bwanditse na Banki.

## 15. Ikodesha na/cyangwa ihererekanya ry'umutungo watanzweho ingwate

Umukiriya ntabwo ashobora gukodesha, kwemera iseswa ry'amasezerano y'ubukode, guhererekanya cyangwa kugabanya umutungo watanzweho ingwate cyangwa kuwikuraho atabanje kubiherwa uburenganzira bwanditse na Banki.

## 16. Ububasha bwo kugurisha muri cyamunara umutungo watanzweho ingwate

Iyo Umukiriya atabashije kwishyura amafaranga asabwa kwishyura buri kwezi, Banki ikoresha uburenganzira bwayo ihabwa n'amategeko burimo kugurisha muri cyamunara uwo mutungo watanzweho ingwate.

## 17. Uburenganzira bwo kwiyishyura na/cyangwa guhuriza hamwe amafaranga ari kuri konti

Banki ifite uburenganzira bwo kwiyishyura na/cyangwa guhuriza hamwe amakonti yose y'umukiriya ari nta nkomyi uko yaba ateye kose.

**18. Ubwishingizi**

**18.1.** Imitungo yose ishobora gufatirwa ubwishingizi igize ingwate za Banki (niba hari ihari) igomba gufatirwa ubwishingizi bw'ubujura/ukwangirika/inkongi y'umuriro buhuye n'agaciro ka yo kose mu gihe cyose nyirawo akirimo umwenda; akabufata muri sosiyete y'ubwishingizi yemewe na Banki kandi mu nyandiko z'ubwishingizi hakagaragazwamo neza inyungu za Banki.

**18.2.** Iyo ubwishingizi burangiye, Umukiriya agomba guha Banki mu minsi ……….. (………..) ubwo bwishingizi burangiye inyandiko zijyana n'ivugururwa ry'ubwishingizi atabikora, Banki ikaba ifite uburenganzira bwo gufata ubwo bwishingizi ku mafaranga y'umukiriya bitabaye ngombwa ko ibimumenyesha hanyuma igakura amafaranga yishyuye kuri konti ye.

**19. Amakuru y'ibanga**

**19.1.** Banki ishobora gufata no gusesengura, ikoresheje mudasobwa cyangwa ubundi buryo, amakuru ayo ari yo yose ihabwa yerekeye Umukiriya ku bijyanye n'iyi baruwa.

**19.2.** Umukiriya yemeye ko Banki ishobora:

**19.2.1.** Gushyira amakuru bwite muri sisitemu zikoreshwa ku bakiriya baka inguzanyo zishobora kwinjirwamo n'izindi sosiyete ziri mu itsinda rya banki mu rwego rwo gusesengura inguzanyo, gukora isesengura ryo mu rwego rw'ibarurishamibare harimo no kumenya ibijyanye n'imyitwarire no gushyira imigabane ku isoko no kureba ibicuruzwa na serivisi (harimo n'izitangwa n'abandi bantu) zishobora kugira aho zihurira n'umukiriya; na

**19.2.2.** Kwemerera izindi sosiyete ziri mu itsinda rya Banki gukoresha amakuru bwite n'andi makuru ayo ari yo yose yaba ifite ku Mukiriya muri sisitemu za Banki zikoreshwa ku bakiriya kugirango zibashe gukurikirana ibicuruzwa na serivisi zashobora kugirira Umukiriya akamaro.

**19.2.3.** Kugera ku makuru y'umukiriya biciye ku Kigo cy'Ihererekanyamakuru.

**19.3.** Umukiriya yemeye kandi ko Banki ishobora gutangaza amakuru bwite ye na/cyangwa amakuru amwerekeyeho harimo imibare n'amakuru arebana n'inyandiko z'ibikorwa bye ibyo ari byo byose cyangwa imitungo, ubucuruzi bwe hanze y'itsinda rya Banki; ayo makuru ye ku giti cye yaba yabonetse nyuma y'uko umukiriya arekeye aho kuba umukiriya wa Banki cyangwa mu gihe yaba akomeje kugirana na Banki imibanire ihuza umukiriya na Banki cyangwa mbere y'uko iyo mibanire iba:

**19.3.1.** Ku mpamvu zo kwirinda uburiganya;
**19.3.2.** Ku bigo bihererekanya amakuru ku nguzanyo cyangwa abandi batanga inguzanyo abo ari bo bose;
**19.3.3.** Ku banyamatageko ba yo bo hanze, abagenzuzi n'abandi bakorana na yo cyangwa abantu bakora nk'intumwa za Banki;
**19.3.4.** Ku undi muntu wese ushobora gukoresha uburenganzira bwa banki nk'uko buteganywa muri iyi baruwa;
**19.3.5.** Iyo Banki ifite uburenganzira cyangwa inshingano zo gutangaza ayo makuru cyangwa iyo yemerewe cyangwa isabwa n'itegeko kubikora na

**19.3.6.** Hagamijwe gukoresha ububasha ubwo ari bwo bwose, igisubizo, uburenganzira, itegeko cyangwa ubushishozi bujyana n'iyi Baruwa irebana n'Inguzanyo cyangwa indi nyandiko y'igikorwa iyo ari yo yose ikurikira igikorwa cyo kurenga ku masezerano ku wundi muntu uwo ari we wese cyangwa ku rundi ruhande.

**19.4.** Umukiriya yemeje kandi yemeye ko, hatitawe ku biteganywa n'andi masezerano ayo ari yo yose yakozwe hagati y'Umukiriya na Banki, gutangaza amakuru bikorwa na Banki biteganywa n'iki gika atari ukurenga ku nshingano iyo ari yo yose Banki iba igomba kubahiriza imbere y'Umukiriya byaba mu mategeko asanzwe cyangwa hakurikijwe amasezerano ayo ari yo yose ahuza Banki n'Umukiriya cyangwa mu rwego rw'ibikorwa bisanzwe bya banki cyangwa mu migirire, imikorere n'imigenzereze bijyanye. Yemeje kandi yemeye ko itangazwa nk'uko ryavuzwe hejuru rishobora gukorwa bitabaye ngombwa kumenyesha cyangwa gusaba uburenganzira Umukiriya kandi bitabaye ngombwa ko Banki ikora iperereza rigamije gusobanura impamvu cyangwa agaciro k'iryo tangaza."

**20. <u>Igihe umukiriya aba afite cyo kwemera inguzanyo</u>**

Iyi baruwa irebana n'inguzanyo igomba kuba yemewe mu minsi …………. uhereye ku itariki yandikiweho, bitaba ibyo Banki ikaba ifite uburenganzira bwo gukuraho inguzanyo iba ikubiye muri iyo baruwa.

**21. <u>Inama zo mu rwego rw'amategeko</u>**

Banki irifuza ko Umukiriya yashaka inama zo mu rwego rw'amategeko ku byerekeranye n'ibikubiye muri iyi baruwa ku muntu wigenga no ku byerekeranye n'ingwate zigomba gutangwa muri urwo rwego kugirango abashe kumva neza ibikubiye muri iyi baruwa irebana n'inguzanyo kimwe n'ingaruka umukiriya aba ashobora guhura na zo igihe yemeye ingingo ziyikubiyemo.

**22. <u>Itegeko Rikurikizwa</u>**

Iyi baruwa irebana n'inguzanyo igengwa kandi igasobanurwa mu buryo bwose hakurikijwe amategeko y'u Rwanda. Nta kintu na kimwe muri iki gika gikuraho uburenganzira bwa Banki bwo gukurikirana Umukiriya mu rukiko urwo ari rwo rwose rubifitiye ububasha kandi gukurikirana umukiriya mu rundi rukiko rumwe cyangwa nyinshi ntibikuraho ko aba ashobora kuregera urundi rukiko; byaba ari ibintu bikorewe icya rimwe cyangwa bidakozwe icya rimwe.

**<u>IBYEREKERANYE NO GUSHYIRA UMUKONO KURI IYI BARUWA</u>**

**<u>Ku ruhande rwa Banki</u>:**

………………………… ……………………………

**Umuyobozi Mukuru w'Umusigire ushinzwe ingwate no gucunga Inyandiko**

**Umuyobozi ushinzwe gusesengura Inguzanyo**

**IFISHI YO KWEMERA INGUZANYO**

**Kuri: BPR BANK RWANDA PLC**

Bwana,

Nshingiye ku ibaruwa yanyu No. **………………….** yo kuwa **………………….** (kopi yayo ikaba igaragara hejuru); muri iyo baruwa mukaba mwarampaye inguzanyo itangirwa ingwate ingana na **…………………………. Frw (amafaranga y'u Rwanda ………. Gusa)** hakurikijwe amategeko n'amabwiriza akubiye muri iyo baruwa, nejejwe no kubamenyesha ko nemeye iyo nguzanyo no ku mategeko n'amabwiriza akubiye muri iyo baruwa. Nemeke kandi ko nahawe inama zo mu rwego rw'amategeko n'ibitekerezo n'umuntu wigenga ku byerekeranye n'ingingo zigize iyo baruwa ivugwa kimwe n'icyo igamije, aho izo ngingo zigarukira, ingaruka zazo n'ibisobanuro byazo.

Murakoze.

**……………………….**

## UMUGEREKA WA MBERE

### 1. INGWATE ZISABWA MBERE YO KUBIKUZA IGICE CYA MBERE CY'AMAFARANGA Y'INGUZANYO:

1.1. Inyandiko nsezeranyabwishyu **y'amafaranga y'u Rwanda ……………….** Umukiriya asinyira Banki;

1.2. Amasezerano y'ubwishingizi rusange (inkongi y'umuriro n'ingorane bijyana) bw'inzu yatanzweho ingwate iri mu kibanza NO …. ; agaragaza inyungu za Banki nk'umuntu wishyurwa mbere y'abandi igihe babayeho ingorane;

1.3. Amasezerano y'ubwishingizi bw'umutungo watanzweho ingwate bwishingira amafaranga yose y'inguzanyo; ubwo bwishingizi bukaba bugomba kugaragaza mu buryo bwihariye inyungu za banki nk'umuntu wishyurwa mbere y'abandi igihe habayeho ingorane;

### 2. INGWATE ZISABWA MBERE YO KUBIKUZA IGICE CYA KABIRI CY'AMAFARANGA Y'INGUZANYO

Gutanga nk'ingwate yo mu cyiciro cya mbere umutungo utimukanwa uri mu kibanza gifite Ibyongombwa by'ubutaka Nomero …………………… giherereye mu Karere ka ………., Umurenge wa …………………………., Akagari ka ………. hamwe n'ibikorwa biri muri icyo kibanza.

## UMUGEREKA WA II

### I. Ibigomba kubanza kuzuwa mbere yo kubikuza

1. Umukiriya agomba gutanga icyemezo cy'irangamimerere;

2. Ibaruwa itangwa na ………. Yemeza ko bafite umutungo utimukanwa mu kibanza No …… batangaho ingwate kandi ko bazawusubirana ari uko Umukiriya arangije kwishyura inguzanyo afitiye Banki;

3. Inyandiko yo kwemera kurekura amafaranga y'ubukode ishyirwaho umukono na Banki, Umukiriya n'Ukodesha;

4. Iyi nguzanyo itangwa mu byiciro bibiri. Icyiciro cya mbere cyoherezwa mu buryo butaziguye kuri Konti y'umukiriya iri muri ……… kugirango yishyure amafaranga yari asigaye kwishyurwa ku nguzanyo naho igice cya kabiri kikarekurwa nyuma yo kubona ingwate yatanzwe iri mu kibanza ………..

**AMASEZERANO Y'UMWIMERERE NOMERO………… IGITABO CYA…………**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumu n'icyenda, ku itariki …………………., Twebwe ……………………., noteri wa Leta uri kandi utuye muri Kigali, twemeje ko aya masezerano agizwe n'ingingo ziri imbere yacu twayeretswe na:

1. **……………………..**
2. **BPR Bank Rwanda Plc**

Hari ………………………. na **……………………….** bose baba muri Musanze; bakaba ari abahamya b'aya masezerano kandi bakaba bujuje ibisabwa n'amategeko. Maze gusomera abagiranye amasezerano n'abahamya ibikubiye muri aya masezerano, abagiranye amasezerano bavuze imbere yacu n'imbere y'abahamya bavuzwe hejuru ko aya masezerano, nk'uko yanditse agaragaza neza ubushake bwabo.
Kubera iyo mpamvu, aya msezerano yashyizweho umukono n'abayagiranye na twe, yemezwa kandi aterwaho kashe ya Noteri w'Ibiro bya RDB.

**ABAGIRANYE AMASEZERANO**

**UMUKIRIYA** **Banki/BPR Bank Rwanda Plc**

**……………………** **………………….**

**……………………….**

**ABAHAMYA**

**……………………..** **………………………...**

**Noteri**

**……………………….**

**UBURENGANZIRA BUKOMOKA KURI AYA MASEZERANO**

**Amafaranga ya serivisi yo gusinya amasezerano:**

Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitatu, yanditswe na twe ………………………….. Noteri wa Leta y'u Rwanda uri kandi utuye muri Kigali kuri nomero ……. mu **GITABO** …., igiciro cy'iyo serivisi kikaba ari amafaranga ibihumbi bitatu yishyuriwe ku nyemezabwishyu N° ………………. yo kuwa …. Gashyantare ………. Yatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imisoro n'Amahoro.

**Noteri**

…………………………….

**Amafaranga ya serivisi yo gusinya amasezerano:**

For execution of this document, the price amounts to Frw …………. Rwandan Francs derived under the same receipt. Kugirango iyi nyandiko ibashe gushyirweho umukono, iyi serivisi yishyurwa amafaranga y'u Rwanda ………… Frw agaragara ku nyemezabwishyu.

**Noteri**

……………………………